REPUBULIKA Y'U RWANDA

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

URUKIKO: TGI NYARUGENGE

**ICYEMEZO N^O^ ......./2022/TGI/NYGE GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE CYANGWA WISHISHE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2022, umunsi wa 22, Ukwezi kwa 11;

Twebwe HIRWA Faustin umucamanza mu Rukiko rwisumbuye rwa NYARUGENGE, dufashijwe na NDATIMANA Narcisse, umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa NYARUGENGE bwaregeye Urukiko dosiye buregamo uwitwa BRIAN EGESA WAWIRE icyaha cyo kunyereza umutungo, mu Rukiko gihabwa n° RP/ECON 00037/2020/TGI/NYGE;

Tumaze kubona ko BRIAN EGESA WAWIRE, wahoze akorera Company Andela Rwanda Ltd ku mwanya wa Senior Accountant, yavukiye muri Kenya, akaba atuye muri Kenya;

Tumaze kubona ko mu nyandiko ikubiyemo ikirego y'Ubushinjacyaha n'inyandiko y'Ubugenzacyaha ikubiyemo imenyesha zigaragaza ko BRIAN EGESA WAWIRE waregewe urukiko yatorotse ubutabera; Tumaze kubona ko ku munsi w'iburanisha ry'urubanza BRIAN EGESA WAWIRE atitabye urukiko, Ubushinjacyaha bukavuga ko yatorotse ubutabera;

Dushingiye kw'Itegeko n° 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha cyane cyane mu ngingo zaryo za 160 - 165;

Dutegetse BRIAN EGESA WAWIRE kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa NYARUGENGE kuwa **09/01/2023 saa mbiri za mu gitondo** aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko;

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga mu gihe cy'iminsi umunani **(8 jours)** kandi kikamanikwa AHABIGENEWE KURI URU RUKIKO;

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyategekeweho;

Bikorewe i NYARUGENGE, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

HIRWA Faustin
UMUCAMANZA

NDATIMANA Narcisse
UMWANDITSI